National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4 / P.O. Box 531 Kigali - Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*Human Resources and Administration Directorate*

## Itangazo rya cyamunara

Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) iramenyesha abantu bose ko ku wa gatandatu tariki ya 30 Mata 2022 ku cyicaro gikuru cyayo mu Kiyovu, KN6 Avenue 4, guhera saa yine za mu gitondo hateganyijwe cyamunara y'ibikoresho birimo: mudasobwa (*laptops na desktops*) ibikoresho byo mu biro birimo utubati, intebe, ameza n'ibindi.

Abifuza kureba ibi bikoresho mbere ya cyamunara, babisanga ku cyicaro gikuru cya BNR, buri munsi mu masaha y'akazi ya nyuma ya saa sita uhereye ku wa mbere tariki ya 25 kugeza ku wa gatanu tariki 29 Mata 2022.

Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) iramenyesha abantu bifuza kureba ibyo bikoresho aho biherereye ndetse n'abazitabira ipiganwa mu cyamunara ko bagomba kubahiriza amabwiriza yo kwirinda Covid-19 arimo kuba barikingije byuzuye kandi bakagaragaza ko bipimishije Covid-19 mu masaha 72 mbere yo kwinjira, kuko bizagaragarizwa ababishinzwe.

Banki Nkuru y'u Rwanda iramenyesha kandi abazitabira iyi cyamunara ko ibikoresho byaguzwe byishyurwa ako kanya kandi uwabiguze agahita abitwara.

Bikorewe i Kigali ku wa 13 Mata 2022.

**BAZAMBANZA Moise**
**Manager, Procurement Division**

**IHOGOZA Frances**
**Executive Director, Human Resources & Administration**